Cotraf Rwanda

CONGRÈS DU TRAVAIL ET DE LA FRATERNITÉ DES TRAVAILLEURS

URUBUGA RW'UMURIMO N'UBUVANDIMWE BW'ABAKOZI

**UBUTUMWA BW'IMPUZAMASENDIKA COTRAF-RWANDA KUMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMURIMO:**

**KIGALI KUWA 01 GICURASI 2023.**

Kuri uyu munsi mpuzamahanga w'Abakozi, Impuzamasendika COTRAF RWANDA yifurije abakozi ,n'abakoresha bose Umunsi mwiza.

Muri ibi bihe hirya no hino ku isi hakomeje kumvikana intambara, umutekano muke, ndetse n'ibyorezo bihitana ubuzima bw'abantu muri rusange bityo umurimo by'umwihariko ukomeje kuhazarira kuko amahoro n'umutekano ni bimwe mubituma umurimo ubaho kandi ugakorwa neza.

Ibi rero bifitanye isano ya hafi n'akarengane kakorerwaga abakozi igihe baharaniraga uburenganzira bwabo k'umurimo, abenshi babujijwe amahoro, umutekano ndetse abenshi bahasize ubuzima mugihe n'imirimo bakoraga itabaheshaga agaciro.

Nyuma y'akarengane kakorewe bagenzi bacu b'abakozi, ubu turashima ko hari amategeko arengera abakozi yagiyeho muri rusange ariko tukaba tunasaba ko yakomeza kunozwa kugirango agaciro k'umurimo gakomeze guhuzwa n'uwukora, bityo inyungu ziwukomokaho zibe ipfundo n'isoko ry'iterambere rirambye kubawuhuriyeho bose.

Abakozi ni imbaraga z'Igihugu, abakozi ni imbaraga z'Ibigo bakorera; bakwiye kubahwa no guhabwa agaciro ka muntu, bityo ubumenyi bafite no kunoza umurimo bakora bikaba Inkingi y'iterambere rusange, aha turasaba abakoresha bose guha umukozi agaciro akwiye n'uburenganzira ahabwa n'amategeko ntamananiza, bityo hakaba isaranganyabukungu ry'inyungu zikomoka ku murimo.

Turifuza kandi ko Leta yakomeza kunoza amategeko hagashyirwaho itegeko ryorohereza abakozi n'abakoresha guhurira kumeza y'ibiganiro (Dialogue Social) murwego rwo gushakira hamwe ibisubizo byafasha guteza imbere umurimo no kuwunoza hagamijwe kongera umusaruro no gusangira ibyiza biwukomokaho binyuze mumasezerano rusange y'umurimo.

Mu rwego rwo gukomeza gusobanurira abakozi uburenganzira bwabo no kongera umusaruro w'ikigo bakoramo, turasaba Ministere y'abakozi ba Leta n'umurimo gukomeza koroshya iyandikwa ry'amashyirahamwe y'abakozi (Amasendika y'abakozi) kugirango ashobore kurangiza izo nshingano neza hakurikijwe amategeko.

Turasaba Leta y u Rwanda gushyira umukono ku masezerano mpuzamahanga y'Umurimo itasinye bityo amategeko arengera abakozi no gushishikariza abakoresha kuyashyira mubikorwa.

Umurimo unoze ukwiye guhuzwa n'umurimo uhesha umukozi agaciro, turasaba Leta y'u Rwanda gushyiraho umusharafatizo, bityo hakaboneka igipimo giherwaho mu isanganyabukungu rikomoka ku murimo wakozwe hagamijwe guhuza umushahara n'agaciro k'umurimo wakozwe.

Twifurije abakozi bose, abakoresha bose ndetse n'abanyarwanda muri rusange Umunsi mwiza w'Abakozi.

**NZABANDORA ERIC**

**PEREZIDA WA COTRAF RWANDA.**